# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

UGUSHYINGO 2023

## GUVERINERI KAYITESI YISHIMIYE IBIKORWA BY' UBUTUBUZI BW' IMBUTO Y' IBIRAYI BIRI GUKORERWA MU KARERE



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 12

## HON. MUHONGAYIRE YIFATANYIJE N' UBUYOBOZI BW' AKARERE N' ABATURAGE MU MUGANDA USOZA UKWEZI K' UGUSHYINGO WIBANZE KU GUTERA IBITI BY' IMBUTO MU MASHURI



SOMA PAJI YA 11

## PEREZIDA W' INAMA NJYANAMA Y' AKARERE MADAME CLOTILDE UWAMAHORO YASHIMYE URUHARE RWA JADF MU ITERAMBERE RY' AKARERE





SOMA PAJI YA 5

## UMUYOBOZI W' AKARERE YIFATANYIJE N' ABATURAGE BO MU MURENGE WA TARE KUBAGARA IBIGORI HAKORESHEJWE IFUMBIRE MVARUGANDA

# GUVERINERI KAYITESI YISHIMIYE IBIKORWA BY' UBUTUBUZI BW' IMBUTO Y' IBIRAYI BIRI GUKORERWA MU KARERE



**Hon. Guverineri KAYITESI yashimye ubutubuzi bw' imbuto y' ibirayi buri gukorerwa mu Karere**

Ku wa 21 Ugushyingo 2023, Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Honorable Alice KAYITESI ari kumwe n' Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI n' Umuyobozi wa Brigade ya 501, Colonel Sam RWASANYI n' abafite ubuhinzi mu nshingano zabo basuye ibikorwa by' ubuhinzi bw' ibirayi mu Mirenge ya Uwinkingi na Buruhukiro.

Ibikorwa by' ubuhinzi byasuwe ni iby' ubutubuzi bw' imbuto y' ibirayi biri gukorwa n' Abahinzi banini kandi bakaba barabiherewe ibyangombwa n' Ikigo cy' Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubuhinzi n' Ubworozi mu Rwanda RAB.

Mu Murenge wa Uwinkingi, Honorable Alice KAYITESI, yasuye Site yatuburiweho imbuto y' ibirayi mu Kagari ka Rugogwe, mu Mudugudu wa Subukiniro na Antoinette Nizeyimana, ku butaka yatijwe na RAB.

Mu Murenge wa Buruhukiro, mu Kagari ka Kizimyamuriro, mu Mudugudu wa Kagano ho basuye Site yatuburiweho imbuto y' ibarayi na Nkurikiyimana Jean Marie Vianney, ku butaka yatijwe n' Akarere.

Zimwe mu mbogamizi aba Bahinzi bagaragaje zirimo iy' imihanda itari nyabagendwa.

Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Honorable Alice KAYITESI washimye ibi bikorwa, yasabye aba bahinzi mbere na mbere kubanza kugaragaza ko iki gikorwa cyo gutubura imbuto y' ibirayi bakigize icyabo, ibisigaye bakabiharira Leta.

Byitezwe ko iyi mbuto nimara kuboneka, Nyamagabe izaba ikigega cy' Igihugu cyose mu bijyanye n' imbuto y' ibirayi ndetse n' umusaruro wa byo muri rusange.

Ubutaka Abahinzi banini bari guturiraho imbuto y' ibirayi mu Mirenge ya Uwinkingi, Buruhukiro, Gatare na Nkomane busaga Hegitari 100, bukaba bwabarurwaga mu butahingwaga.



**Imbuto y' ibirayi iri gutuburirwa ku butaka butahingwaga Ahahinzi batijwe na RAB n' Akarere**



**Abahinzi basuwe ni abahawe ibyangombwa byo gutubura imbuto y' ibirayi**

# UMURENGE WA GASAKA WAKOREYE URUGENDOSHURI MURI GISAGARA RWITEZWEHO KURUSHAHO KURIMBISHA UMUJYI WA NYAMAGABE



**Abakozi n' Abikorera bo mu Murenge wa Gasaka basuye uwa Ndora**

Ku wa 03 Ugushyingo 2023, Umurenge wa Gasaka ubarizwamo igice cyose cy' Umujyi wa Nyamagabe wakoreye urugendoshuri mu Murenge wa Ndora na wo ubarizwamo igice cy' Umujyi w' Akarere ka Gisagara mu rwego rwo kuwigiraho igikorwa cyo komeka amakaro ku nzu z' ubucuruzi ziherereye mu isanteri y' ubucuruzi ya Ndora.

Hashize iminsi itari mike, abafite inzu zikora ku muhanda wa kaburimbo mu Karere ka Nyamagabe basabwe gushyira amapave cyangwa se isima y' igiheri ku mbuga zazo.

Umurenge wa Gasaka wo wasanze ibi bidahagije mu kurimbisha uyu Mujyi.

Ni muri urwo rwego buri kumwe na bamwe mu Bikorera ndetse na bamwe mu bafite inzu zikora kuri kaburimbo, Ubuyobozi bw' uyu Murenge bwakoreye urugendoshuri mu Murenge wa Ndora wo mu Karere ka Gisagara washishikarije abafite inzu mu isanteri y' ubucuruzi ya Ndora kuzomekaho amakaro mu rwego rwo kurushaho kuyirimbisha.

Nyuma yo guhabwa ikaze no kwakirwa n' Ubuyobozi bw' uyu Murenge, batemberejwe muri iyi santeri ya Ndora birebera ibikorwa byo komeka amakaro ku nzu z' ubucuruzi.



**Abakozi n' Abikorera bo mu Murenge wa Gasaka bayobowe na Gitifu wawo FURAHA bari gutemberezwa isanteri ya Ndora**

Umuyobozi w' Akarere ka Gisagara Jérôme RUTABURINGOGA yashimiye Ubuyobozi bw' Akarere ka Nyamagabe by' umwihariko ubw' Umurenge wa Gasaka, bwahisemo gutoranya abagomba gukorera urugendoshuri mu Karere ayoboye ndetse na we abusezeranya ko bidatinze hari ibyo abo muri aka Karere bazaza kwigira ku ka Nyamagabe.



**Mayor wa GISAGARA Bwana RUTABURINGOGA yashimiye Ubuyobozi bw' Akarere ka Nyamagabe n' ubw' Umurenge wa Gasaka bwahisemo gusura Akarere ayoboye.**

# AKARERE KA NYAMAGABE KAHIZE UTUNDI MU KUZAMURA AMANOTA KU BIJYANYE N' UKO ABATURAGE BABONA IMIYOBORERE N' IMITANGIRE YA SERIVISI



**TIR yashyize ahagaragara uko Abaturage babona imitangire ya Serivisi mu Nzego z' Ibanze**

Ku wa 03 Ugushyingo 2023, Umuryango Mpuzamahanga urwanya Ruswa n' Akarengane (Transparency International Rwanda) washyize ahagaragara ibyavuye mu isuzuma n' isesengura ku mitangire ya Serivisi mu Nzego z' Ibanze mu Karere ka Nyamagabe aho byagaragaje ko muri rusange gahagaze neza.

Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI wari witabiriye iki gikorwa yavuze ko ibyavuye muri iri suzuma n' isesengura biziye igihe mu Karere kandi bishimishije kuba bitari kunyuranya n' ibyo Urwego rw' Igihugu rw' Imiyoborere RGB ruherutse gushyira ahagaragara.



**Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko ibyavuye mu isuzuma n' isesengura rya TIR bitanyuranye n' ibyavuye mu bushakashatsi bwa RGB**

Transperency International Rwanda yashyize ahagaragara ibyavuye muri iri suzuma n' isesengura ku mitangire ya Serivisi mu Karere ka Nyamagabe, nyuma y' iminsi mike Urwego rw' Igihugu rw' Imiyoborere RGB na rwo rusohoye ibyavuye mu bushakashatsi bw' uko Abaturage babona Imiyoborere n' Imitangire ya Serivisi hakurikijwe Uturere mu mwaka wa 2023.

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko Akarere ka Nyamagabe ari ko kazamuye amanota kurusha utundi ugereranyije n' umwaka wabanje aho ku yo kari kagize mu mwaka wa 2022, mu wa 2023 kayongereyeho agera ku 9.28% ndetse kava no ku mwanya wa nyuma kari ho muri uwo mwaka, kajya ku wa 10.

**UKO ABATURAGE BABONA IMIYOBORERE N'IMITANGIRE YA SERIVISI HAKURIKIJWE UTURERE**

| Nº | AKARERE | CRC 2023 | CRC 2022 | IMPINDUKA (%) |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Rubavu | 81.10% | 74.35% | ▲ 6.75% |
| 2 | Burera | 79.78% | 71.69% | ▲ 8.09% |
| 3 | Rwamagana | 78.70% | 77.72% | ▲ 0.98% |
| 4 | Nyabihu | 78.15% | 79.22% | ▼ -1.07% |
| 5 | Gakenke | 78.06% | 80.47% | ▼ -2.42% |
| 6 | Kicukiro | 77.61% | 75.96% | ▲ 1.65% |
| 7 | Rutsiro | 77.60% | 72.12% | ▲ 5.48% |
| 8 | Nyamasheke | 77.58% | 76.84% | ▲ 0.74% |
| 9 | Gisagara | 77.45% | 78.79% | ▼ -1.33% |
| 10 | Nyamagabe | 77.34% | 68.06% | ▲ 9.28% |
| 11 | Nyagatare | 77.18% | 70.62% | ▲ 6.56% |
| 12 | Ngoma | 77.13% | 75.65% | ▲ 1.47% |
| 13 | Kamonyi | 77.08% | 76.93% | ▲ 0.14% |
| 14 | Karongi | 76.87% | 75.40% | ▲ 1.47% |
| 15 | Nyarugenge | 76.84% | 78.62% | ▼ -1.78% |
| 16 | Rulindo | 76.60% | 74.83% | ▲ 1.78% |
| 17 | Muhanga | 76.23% | 76.82% | ▼ -0.60% |
| 18 | Kirehe | 76.12% | 77.81% | ▼ -1.69% |
| 19 | Nyaruguru | 76.02% | 77.77% | ▼ -1.74% |
| 20 | Rusizi | 75.60% | 81.50% | ▼ -5.90% |
| 21 | Gicumbi | 75.36% | 75.63% | ▼ -0.27% |
| 22 | Huye | 75.12% | 73.71% | ▲ 1.41% |
| 23 | Nyanza | 74.96% | 76.68% | ▼ -1.72% |
| 24 | Gasabo | 74.71% | 74.83% | ▼ -0.12% |
| 25 | Bugesera | 73.74% | 73.64% | ▲ 0.10% |
| 26 | Ngororero | 73.30% | 77.02% | ▼ -3.73% |
| 27 | Gatsibo | 72.64% | 79.95% | ▼ -7.30% |
| 28 | Ruhango | 72.46% | 76.43% | ▼ -3.97% |
| 29 | Musanze | 70.98% | 74.59% | ▼ -3.62% |
| 30 | Kayonza | 70.45% | 76.29% | ▼ -5.84% |
| Impuzandengo | | 76.20% | 76.07% | ▲ 0.13% |

**Ubushakashatsi RGB iherutse gushyira ahagaragara ku bijyanye n' uko Abaturage babona Imiyoborere n' Imitangire ya Serivisi hakurikijwe Uturere mu mwaka wa 2023, bwagaragaje ko Akarere ka Nyamagabe ari ko kazamutseho amanota kurusha utundi**

# UMUYOBOZI W’ AKARERE YIFATANYIJE N’ ABATURAGE BO MU MURENGE WA TARE KUBAGARA IBIGORI HAKORESHEJWE IFUMBIRE MVARUGANDA



**Umuyobozi w’ Akarere ubwo yifatanyaga n’ Abaturage ba Tare mu kubagara ibigori hakoreshejwe ifumbire mvaruganda**

Ku wa 06 Ugushyingo 2023, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe na Lt Col. John Agaba, Umuyobozi w' Inkeragutabara mu Karere n' abari bahagarariye inzego zinyuranye, yifatanyije n’ Abaturage bo mu Murenge wa Tare mu muganda udasanzwe wo kubagara ibigori hakoreshejwe ifumbire mvaruganda ya DAP.

Iyi fumbire yunganiwe na Leta 100%, yatanzwe mu rwego rwo kongera umusaruro no kwihaza mu biribwa.



**Iyi fumbire iri kwifashishwa mu kubagara ibigori mu rwego rwo kongera umusaruro yunganiwe na Leta 100%**

Nyuma y’ umuganda, Meya NIYOMWUNGERI yahaye aba Baturage ubutumwa bwo kwirinda kuvanga imyaka mu mirima kuko biteza igihombo.

Yaragize ati: “Iyo ufashe umurima ukawuvangamo imyaka biteza igihombo kuko nta kimwe cyera uko bikwiye. Ikindi kandi twahawe ifumbire nke kuko basanze ubuso bw’ ubutaka buhujwe ari buto. Murumva rero ko kuvanga imyaka biduteza igihombo gikomeye.”



**Meya NIYOMWUNGERI yasabye Abaturage kwirinda kuvanga imyaka mu mirima kuko biteza igihombo**

Uyu muganda udasanzwe wo kubagara ibigori hakoreshejwe ifumbire mvaruganda Leta y’ u Rwanda yageneye Abaturage kuri Nkunganire ya 100%, wakozwe no mu yindi Mirenge igize Akarere.

Toni zigera kuri 33 z’ ifumbire mvaruganda ya DAP, ni zo zahawe Akarere ka Nyamagabe kugira ngo yifashishwe mu kubagara ibigori bihinze ku masite yatoranyijwe mu rwego rwo kongera umusaruro no kwihaza mu biribwa.

# UMUYOBOZI W' AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y' ABATURAGE N' UMUSHUMBA WA EAR, DIYOSEZI YA KIGEME BIFATANYIJE N' IBITARO BYA KIGEME MU GITONDO CY' ISUKU



**VM/ASOC UWAMARIYA n' Umushumba wa EAR, Diyosezi ya Kigeme batera ibiti mu busitani bw' Ibitaro**

Ku wa 07 Ugushyingo 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA ari kumwe na Nyiricyubahiro Mgr Assiel MUSABYIMANA, Umushumba wa EAR, Diyosezi ya Kigeme bifatanyije n' Ubuyobozi n' Abakozi b' Ibitaro bya Kigeme mu Gitondo Cy' Isuku aho bateye ibiti by' imbuto mu mu busitani bw' ibi Bitaro.



**Ibiti bya Avoka ni byo byatewe mu busitani bw' Ibitaro bya Kigeme bikaba byitezweho kurwanya imirire mibi**

Nyuma y' umuganda, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage yahaye Abakozi b' Ibitaro ubutumwa bwibanze ku kunoza imitangire ya serivisi no kugira isuku.

Yaragize ati: "Mugomba gutanga serivisi nziza kandi mukagira isuku ndetse mukayitoza n' ababagana."



**VM/ASOC yasabye Abakozi b' Ibitaro bya Kigeme kugira isuku kandi bakayishishikariza n' ababagana**

Igitondo cy' Isuku ni gahunda imaze gushinga imizi mu Ntara y' Amajyepfo by' umwihariko mu Karere ka Nyamagabe, aho buri wa Kabiri Abayobozi n' Abaturage bazinduka bakora isuku ahantu hatandukanye harimo ku mihanda, ahahurira abantu henshi nko ku Mavuriro, mu Bigo by' Amashuri, mu Midugudu y' Icyitegererezo n' ahandi.

# UMUYOBOZI W' AKARERE YAYOBOYE INTEKO Y' ABATURAGE MU MURENGE WA CYANIKA



**Umuyobozi w' Akarereya yayoboye Inteko y' Abaturage mu Murenge wa Cyanika**

Ku wa 07 Ugushyingo 2023, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y' Abaturage mu Murenge wa Cyanika, mu Kagari ka Kiyumba abasaba gukora cyane bakarwanya ubukene.

Bimaze kumenyerwa ko ku gicamunsi cya buri wa Kabiri, hirya no hino mu Tugari haba Inteko z' Abaturage aho Abayobozi batandukanye babaganiriza kuri gahunda za Leta zitandukanye, nyuma bakakira ibibazo byabo, bakanafatanya kubiha umurongo.

Ubwo yaganiraga n' Abaturage bo mu Kagari ka Kiyumba, Meya NIYOMWUNGERI yabasabye gukora cyane bakiteza imbere.

Yagize ati: "Mugomba kongera amasaha yo gukora. Urugero, niba ugiye mu murima mu gitondo, ukavamo nka saa saba ukaruhuka isaha imwe ukongera ugasubirayo. Ntaho uzahurira n' ubukene. Nta mpamvu yo kugira ngo amasaha menshi muyamare mu kabari."

Meya NIYOMWUNGERI yasabye kandi aba Baturage kurangwa n' isuku igihe cyose ndetse bakiteganyiriza muri Ejo Heza, gahunda ya Leta y' ubwiteganyirize bw' igihe kirekire.

Umuyobozi w' Akarere kandi afatanyije n' Ubuyobozi bw' Umurenge wa Cyanika bakiriye ndetse banaha umurongo ibibazo bagejejweho n' Abaturage bo muri aka Kagari ka Kiyumba.



**Meya NIYOMWUNGERI aganiriza Abaturage bo mu Kagari ka Kiyumba kuri gahunda za Leta zitandukanye**



**Habayeho n' umwanya wo kwakira no gukemura ibibazo by' Abaturage**

## UMUYOBOZI W' AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE ITERAMBERE RY' UBUKUNGU YAYOBOYE INAMA YAREBEYE HAMWE UKO IFUMBIRE AKARERE KAHAWE YAKORESHEJWE



**VM/FED yayoboye inama ya Command Post y' Ubuhinzi**

Ku wa 10 Ugushyingo 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu yayoboye inama ya Command Post y' Ubuhinzi mu Karere yarebeye hamwe uko igikorwa cyo kubagara ibigori hakoreshejwe ifumbire mvaruganda ya DAP yunganiwe na Leta 100% cyagenze.

Muri iyi nama hagaragajwe ko ifumbire igera kuri toni 10, Akarere kahawe kayikoresheje neza, bituma kongerwa indi ingana na toni 23, zose hamwe ziba 33.



**Visi Meya HABIMANA yagaragaje ko ifumbire Akarere kahawe mu kiciro cya mbere kayikoresheje neza ari na yo mpamvu kahawe indi iyikubye inshuro 2**

Muri rusange ubuhinzi buhagaze neza mu Karere ka Nyamagabe.

Ibi bishimangirwa nuko ubwo Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y' Ubuhinzi n' Ubworozi MINAGRI, Dr. Kamana Olivier yasuraga Akarere ku wa 08 Ugushyingo 2023, yashimye uburyo gahagaze mu bijyanye n' ubuhinzi mu gihembwe cy' ihinga 2024A ndetse anashima imikorere ya Command Post y' Ubuhinzi (Itsinda rishinzwe gukurikirana ibikorwa by' ubuhinzi) mu Karere.



**PS wa MINAGRI mu ruzinduko aheruka gukorera mu Karere yashimye ibikorwa by' Ubuhinzi yahasanze**



**Ubuhinzi cyane cyane ubw' ibirayi buhagaze neza mu Karere**

## MU MURENGE WA KADUHA HASOREJWE UKWEZI K' UBUMWE N' UBUDAHERANWA BW' ABANYARWANDA



**Umuyobozi w' Akarere Ushinzwe Imibereho y' Abaturage ubwo yasozaga Ukwezi k' Ubumwe n' Ubudaheranwa bw' Abanyarwanda ku rwego rw' Akarere**

Ku wa 14 Ugushyingo 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyije n' Abaturage bo mu Murenge wa Kaduha mu muhango wo gusoza Ukwezi k' Ubumwe n' Ubudaheranwa bw' Abanyarwanda ku rwego rw' Akarere, abasaba gukomeza kubusigasira.

Ubwo yagezaga ubutumwa kuri aba Baturage, Visi Meya UWAMARIYA yavuze ko aho Ubumwe bw' Abanyarwanda bugeze hashimishije ariko buri wese agomba kugira uruhare mu gutuma budahungabana.

Yaragize ati: "Ubumwe bw' Abanyarwanda bugeze ahashimishije, ariko buri wese agomba kugira uruhare mu kubusigasira."

Yabasabye kandi gukura amaboko mu mifuko bagakora kandi bagafasha abatishoboye cyane cyane abo bigaragara ko amateka yasigaje inyuma kuko ngo bigoye ko Ubumwe bwagerwaho hari ikiciro cyasigaye inyuma.

Ukwezi k' Ubumwe n' Ubudaheranwa bw' Abanyarwanda kwasorejwe kuri uyu wa 14 Ugushyingo 2023 ku rwego rw' Akarere mu Murenge wa Kaduha, kwatangirijwe mu Murenge wa Mbazi ku wa 02 Ukwakira 2023.



**Ukwezi k' Ubumwe n' Ubudaheranwa bw' Abanyarwanda kwasojweumwe mu Bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye agabirwa inka**

## UBUYOBOZI BW' AKARERE BWAGIRANYE IBIGANIRO N' UBWA COMPASSION INTERNATIONAL BIGAMIJE GUTEZA IMBERE IMIBEREHO Y' ABATURAGE



**Umuyobozi wa Compassion International asobanura ibikorwa byabo mu Karere**

Ku wa 20 Ugushyingo 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA ari kumwe n' Uwungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA bagiranye ibiganiro n' Ubuyobozi bw' Umushinga Compassion International mu Karere ka Nyaruguru n' aka Nyamagabe byibanze ku kuzamura imibereho y' Abaturage b' Akarere ka Nyamagabe by' umwihariko iy' abana bafashwa n' uyu Mushinga.

Umuyobozi wa Compassion International mu Karere ka Nyamagabe Pasteur NZIMURINDA Emmanuel yagaragaje bimwe mu bikorwa uyu Mushinga ukorera muri aka Karere birimo ibyo kurihira abana Amashuri no kwishyurira Abaturage Umusanzu w' Ubwisungane mu Kwivuza(MUSA) ndetse n' ibyo uteganya gukora muri iyi minsi mu rwego rwo kuzamura imibereho y' Abaturage birimo kugabira inka abatishoboye, guha abahinzi ifumbire n' ibindi.

Uyu Muyobozi wa Compassion International mu Karere ka Nyamagabe yasabye ubufatanye bw' Akarere mu kurushaho kuzamura imibereho y' Abaturage.

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA yashimiye Umushinga wa Compassion International ku bwo ubufatanye udahwema kugaragariza Akarere mu kuzamura imibereho y' Umuturage.



**V/M FED yashimiye Compassion Interantional ku bw' ubufatanye igaragariza Akarere mu guteza imbere Abaturage bako**



Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA we yasabye Ubuyobozi bwa Compassion International, Abanyamadini n' Amatorero gufasha Akarere kuzamura imyumvire y' Abaturage cyane cyane mu kubakangurira kugira isuku kuko bari muri bamwe mu bantu bumvwa cyane kurusha abandi.

## PEREZIDA W' INAMA NJYANAMA Y' AKARERE MADAME CLOTILDE UWAMAHORO YASHIMYE URUHARE RWA JADF MU ITERAMBERE RY' AKARERE

Ku wa 24 Ugushyingo 2023, ubwo habaga Inteko Rusange y' Ihuriro ry' Abafatanyabikorwa b' Akarere mu Iterambere JADF, Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere Madame Clotilde UWAMAHORO yashimye uruhare rwabo mu guteza imbere Akarere.

Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe wafunguye iyi Nteko Rusange ya JADF yashimye uruhare rwayo mu gutuma Abaturage bishimiye uburyo bahabwamo Serivisi ndetse n' uko bayobowe nk' uko byagaragajwe n' ubushakashatsi bwa RGB buheruka.



**Meya NIYOMWUNGERI yashimiye JADF ku bwo uruhare rwabo mu gutuma Abaturage bibona mu Buyobozi bw' Akarere**

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA yagaragaje amahirwe yo gushoramo imari ari mu Karere.

Yavuze ko mu Karere ka Nyamagabe hari amahirwe menshi yo gushoramo imari cyane cyane mu Bukerarugendo, mu Buhinzi, mu Burezi n' ahandi, asaba Abafatanyabikorwa b' Abakarere mu Iterambere kutayapfusha ubusa.



**VM/ FED agaragaza amahirwe ari mu karere**

Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere Madame Clotilde UWAMAHORO yashimiye Abafatanyabikorwa b' Akarere mu Iterambere, ku musanzu badahwema kugaragaza mu guteza imbere Akarere n' Abaturage bako.

Iyi Nteko Rusange y' Ihuriro ry' Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry' Akarere JADF, yasojwe n' igikorwa cy' amatora yo gusimbuza Komite icyuye igihe.



**Perezida w' Inama Njyanama yashimiye Komite ya JADF icyuye igihe**

## HON. MUHONGAYIRE YIFATANYIJE N' UBUYOBOZI BW' AKARERE N' ABATURAGE MU MUGANDA USOZA UKWEZI K' UGUSHYINGO WIBANZE KU GUTERA IBITI BY' IMBUTO MU MASHURI



**Hon. MUHONGAYIRE yakoreye Umuganda Rusange mu Karere mu gutera ibiti by' imbuto mu Mashuri**

Ku wa 25 Ugushyingo 2023, Honorable Depite MUHONGANYIRE Christine ari kumwe na Perezida na Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere Madame Clothilde UWAMAHORO, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI n' abagize Inama y' Umutekano itaguye bifatanyije n' Abaturage bo mu Murenge wa Gasaka n' Abanyeshuri bo muri ECOLES DES SCIENCES NYAMAGABE, mu Muganda Rusange usoza Ukwezi k' Ugushyingo 2023 aho bateye ibiti by' imbuto mu busitani bw' iri Shuri.

Nyuma y' uyu Muganda, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashimiye abawitabiriye ku bw' igikorwa cy' ingenzi bakoze, aboneraho no kubaha ubutumwa bujyanye n' Umuganda usoza Ukwezi k' Ugushyingo 2023, burimo ubwo gukomeza gutera ibiti by' imbuto cyane cyane mu Mashuri mu rwego rwo kugira ngo ifunguro abana bafata ritazajya riburaho imbuto, ubwo kuzirika ibisenge by' inzu muri ibi bihe by' imvura n' ubwo gufata amazi y' imvura mu rwego rwo kwirinda ko akomeza gutwara ubutaka.

Meya NIYOMWUNGERI yagize ati: "Mugomba gukomeza gutera ibiti cyane cyane mu Mashuri ku buryo ifunguro umuntu afata ritagomba kuburaho imbuto. Mugomba kandi kuzirika ibisenge cyane cyane muri ibi bihe by' imvura kuko iyo cyangiritse kugisana bihenda cyane. Nk' ubu kuzirika igisenge ntibishobora kurenza amafaranga y' u Rwanda ibihumbi 3 ariko iyo cyangiritse bishobora gutwara agera ku bihumbi 300. Na mwe nimwumve icyo gihombo uko kingana."



**Meya NIYOMWUNGERI yasabye Abaturage gutera ibiti by' imbuto kugira ngo ntizikabure ku ifunguro**

Honorable Depite MUHONGAYIRE Christine yashimiye abitabiriye Umuganda Rusange usoza Ukwezi k' Ugushyingo ku bw' igikorwa cy' ingirakamaro cyo gutera ibiti by'imbuto mu Kigo cy'Ishuri bakoze, asaba Abanyeshuri kuzabisigasira bigakura neza.

# MU KARERE HATANGIJWE IMINSI 16 YAHARIWE KURWANYA IHOHOTERA RISHINGIYE KU GITSINA



Ku wa 25 Ugushyingo, kimwe n' ahandi hose mu Gihugu, no mu Karere ka Nyamagabe hatangijwe iminsi 16 yahariwe kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina.

Atangiza ubu bukangurambaga, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye ababwitabiriye kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina iryo ari ryo ryose kuko rigira ingaruka mbi ku warikorewe, ku warikoze, ku muryango no ku Gihugu muri rusange.



**Meya NIYOMWUNGERI yasabye Abaturage ba kwirinda ihohotera rishingiye ku gitsina iryo ari ryo ryose**

Honorable MUHONGAYIRE yasabye abitabiriye ubu bukangurambaga kwirinda ihohotera rishingiye ku gitsina cyane cyane irikorerwa abana kandi bakabyara abo bashoboye kurera.

Yabasabye kandi kubandikisha mu bitabo by' irangamimerere kugira ngo igihugu kibone uko kibakorera igenamigambi.

By' umwihariko yasabye Urubyiruko kwirinda ingeso mbi zirimo iyo kwishora mu biyobyabwenge n' ubusambanyi kuko bitera igihombo haba kuri bo, ku babyeyi no ku gihugu muri rusange.



**Honorable MUHONGAYIRE yasabye Urubyiruko kwirinda ingeso mbi**

Kuva tariki 25 Ugushyingo kugeza ku ya 10 Ukuboza buri mwaka ni " Iminsi 16 yahariwe kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina" ku Isi yose aho abayituye bahamagarirwa kugira uruhare rugaragara mu kurikumira.

Mu Rwanda insanganyamatsiko y' uyu mwaka wa 2023, iragira iti: " Dufatanye! Dukumire ihohotera rishingiye ku gitsina."

Muri iyi minsi 16, Abaturage barakangurirwa gukumira, kwirinda no gufata ingamba zirambye zo guhangana n' ingaruka z' ihohotera rishingiye ku gitsina.

Barasabwa kandi gutangira amakuru ku gihe y' ahashobora kugaragara ihohotera no kubungabunga ibimenyetso ndetse no gufasha abahohotewe kubona Serivisi zikomatanyije zitangwa na Isange One Stop Center.

# ICYUMWERU CYAHARIWE KWITA KU BUZIMA BW' UMUBYEYI N' UMWANA CYATANGIJWE ABABYEYI BASABWA KWITA KU MIRIRE Y' UMWANA MU MINSI 1000 YA MBERE Y' UBUZIMA BWE




**Visi Meya UWAMARIYA atangiza Icyumweru cyahariwe kwita ku Buzima bw' Umubyeyi n' Umwana**

Ku wa 27 Ugushyingo 2023 ubwo yatangirizaga Icyumweru cyahariwe kwita ku Buzima bw' Umubyeyi n' Umwana ku rwego rw' Akarere mu Kigo Nderabuzima cya Jenda giherereye mu Murenge wa Musange, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yasabye Ababyeyi kwita ku mirire myiza y' umwana mu minsi 1000 ya mbere y' ubuzima bwe kuko ari ingenzi ku mikurire ye, haba mu gihagararo, mu bwenge no mu marangamutima.

Visi Meya UWAMARIYA yibukije kandi Ababyeyi ko mu gihe batwite bagomba kwipimisha inda inshuro 8 zagenwe kuko bibafasha gukurikirana imikurire y' umwana atwite no kwita ku buzima bwe.

Yabasabye kandi kugira isuku, gukingiza abana inkingo zose ziteganyijwe, kuboneza urubyaro no kwitabira ingo mbonezamikurire.

Uruhare rw' umugabo mu gukurikirana imikurire y' umwana na rwo Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yarugarutseho.

Yavuze ko ari inshingano z' umugabo kwita ku mirire y' umwana n' ubuzima bw' umwana mu minsi 1000 ya mbere y' ubuzima bwe ahanini ashakira umuryango ibiribwa binyuranye, cyane cyane ibikomoka ku matungo harimo n' amagi.

Muri uyu muhango wo gutangiza Icyumweru cyahariwe kwita ku Buzima bw' Umubyeyi n' Umwana ku rwego rw' Akarere gifite insanganyamatsiko igira iti:" Hehe n' igwingira ry' umwana.", abana bagaburiwe indyo yuzuye.



**VM/ASOC aha abana indyo yuzuye**

Icyumweru cyahariwe kwita ku Buzima bw' Umubyeyi n' Umwana cyatangijwe ku wa 27 Ugushyingo, kizasozwa ku wa 01 Ukuboza 2023.

Muri iki cyumweru, abana bacikanwe n' inkingo bari kuzihabwa.

Bari guhabwa kandi ibinini bya Vitamini A n' izindi serivisi zitandukanye.

# UMUYOBOZI W’ AKARERE YAYOBOYE INTEKO Y’ ABATURAGE I MUGANO ABASABA KUTIGOMEKA KU BUYOBOZI



Umuyobozi w’ Akarere yayoboye Inteko y’ Abaturage mu Kagari ka Yonde ko muri Mugano

Ku wa 28 Ugushyingo 2023, Umuyobozi w’ Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y’ Abaturage mu Kagari ka Yonde, mu Murenge wa Mugano asaba Abaturage baho kutigomeka ku Buyobozi n’ ibindi.

Meya NIYOMWUNGERI yatangiye ashima Abaturage b’ Umurenge wa Mugano by’ umwihariko abo mu Kagari ka Yonde ku bw’ imbaraga bashyize mu guhinga ubutaka butahingwaga mu rwego rwo kwihaza mu biribwa ariko abasaba ko bakomeza iki gikorwa.

Yabasabye kandi gukunda umurimo, bakirinda ibiyobyabwenge cyane cyane Urubyiruko, kugira isuku umuco n’ ibindi.

Umuyobozi w’ Akarere yafashe n’ umwanya wo kwakira ibibazo by’ Abaturage, maze afatanya n’ Ubuyobozi bw’ uyu Murenge kubiha umurongo.

Byinshi mu byabajijwe byibanze ku bikorwaremezo nk’ imihanda bikiri ikibazo muri uyu Murenge by’ umwihariko muri aka Kagari.

Umuyobozi w’ Akarere Hildebrand NIYOMWUNGERI yabijeje ko hagiye gushyirwamo imbaraga bimwe muri ibi bikorwaremezo bikaboneka vuba.





Abaturage ba Mugano basabwe kutigomeka ku Buyobozi



Abaturage babajije ibibazo byibanze ku gusaba ibikorwaremezo cyane cyane imihanda

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**